

UMPANGARE NGUANGARE

15
LITTERATURE BANTOUE
J.61



SIBOMANA Anton

BUTARE 1988

Abashumba ni bo bihangiraga uburere bwabo n'umuco ugenze imyifatire n'imigenzereze yabo. Nta bwo biriranwaga n'ababyeyi. Begurirwaga ibiragirwa, bakiriranwa na byo ku gasozi, akaba ari ho bahangira ubwo burere kenshi na kenshi wasangaga ari bucyeye cyane cyangwa se ari bwa nta bwo. Abashumba birirwaga ku gasozi, bagahangara izuba n'icyunzwe, bagahangara imvura n'imbeho n'inzara n'inyamaswa z'amoko yose ibyo byose bakabihangara kandi bakabirinda. Abashoboraga rero guhangara ibyo byose, ntibari bakiri abibombarika ngo batinye guhangara umuco : bubahukaga kwasaguzwa batishisha ibyo umuco usaba ko bivugwa habanje kwibombarika.

Uzasoma iyi nyandiko, ntazase na wa mwana bahereza igitabo cy'ibinyabuzima, akihutira kujya kurangarira ibishushanyo by'imyanya ndanga-gitsina yamara kubiharurukwa akabumba igitabo yibwira ko ngo ibinyabuzima atimenye neza. Uzasoma, azasome ibyanditse byose, ntazihate ibitutsi byonyine, ni na yo mpamvu nashyize mo bikeya azarebe icyo ibyo bitutsi byari bimariye umuco w'igihugu cyacu.

Ibi bitutsi nabitarataye imihanda yose : ityinshi kandi byiza nabikuye muri Komini GAFUNZO muri 1974. Nshimiye abamfashije gutunganya uyu murimo bose : abambwiye ibitutsi n'itisobanuro by'amagambo; n'ubwo batashatse ko mbavugaga, hari mo abato n'abakuru, abakire n'abakene, abasirimu n'abanyabitoke bose ni ab'igitsina gabo. Nshimiye abamfashishije inama zabo; n'abamfashishije impapuro n'uwabi yandikiye ntanenere ibanga .

BUTARE. MATA 1988.

- Nyirambugira-mbizi yiciye ururasago ku gituba rwanze kuva ati ay'ubusa n'ejo nzongera.
- Ibuguma y'umushino inira imikangara y'imboro itanu.
- Imishishi y'imishino ntishira inogonora.
- Urugo rwarazwe imishino, umwana avukana itanu.
- Iyo agashesho kashize agashino gashora ihene.
- Iyo agashungo gashize agashino kayora ivu.
- Inkunzi y'imiryango ikoboka rugongo.
- Amenyi amerera ku majigo, inkoni igashibuka ku gishyitsi, imishino igashibuka kuri rugongo.
- Nshimwe y'umukobwa ikobora injuma.
- Indarikizi y'injuma ipfa yiseguye inzira.
- Aberckeranye ntibabura kwendana.
- Wanga kwenda umuja bugacya atwite.
- Umuvambirwa w'iminsi yenda umurwayi.
- Indyarya ebyiri iyo ziraranye bucya ntayenze indi.
- Ukora icyo azi yandwa ahetse.
- N'uwendeye nyina mu nyenga yaramenyekanye.
- Umugeni w'umunyabugugu yenderwa ubusa.
- Umunyagihango yenze umunyakanapfu ati ntumpenze turaguriranye.
- Umunyazi wa cyane yikururira abaswitsi.
- Inkururarusya iswika nyirasenge.
- Isazi yaswitse urutare iti birabe ntangare ntanga yanjye.
- Imihini iruhira imyuko, inyaga zikaruhira ibinyogote, abakunnyi bakaruhira abaswitsi.
- Umwana w'umucyene akuna acanye.
- Umukunnyi mutindi akunira impare.
- Ntawe ubura ishyanu ashukwa
- Umushyukwe w'umukobwa ushirira mu itako.
- Uwirinda imishyukwe y'umusore ayinyarira vuba.

IBISAKUZO :

- Ziraca i nyabikangaga : insya z'umutwakazi.
- Inkoni nziza imera ahâga : imboro ya musaza wawe.
- Imbuga nziza iboneka ahâga : igituba cya mushiki wawe.
- Gatanze kazaryoha : agatuba k'uruhinja.
- Nyawineneka : umusundi ku ntebe.
- Nyoko ntaswerwa amadimbarwa : isekuru.
- Kiva kivitse : imboro mu gituba.

ya Rwangamugayo
ngo akunde anshyukirwe
namuhaye amavuruge
ya Rwangamugayo
ngo akuide amvuruganye
mu mbariro z'amatako
arishaka aribura
yo kicwa n'icumu
ry'iriva-ruganda
ritagira umuhunda
bakarimutera mu mpyiko
rikamutsinda ku mbuga.

Mbe wa gihungu we
mu bwoko uri umuki ?
Mugoyi ati ndi umusinga.
Ati sigaha kunshuka
wabaye umusinga
washinze rigahama
ibikunzwe bikamenywa
wo kicwa n'icumu
ati ndi umugesera
undi ati sigaho kunshuka
wabaye umugesera
wangeseye aya masunzu
ukanyambika intama intambure
mu gitondo bikamenywa
nyakwicwa n'icumu;
ati ndi umwungura
undi ati sigaho kunshuka
wabaye umwungura
wanyunguye ho ubugore
ubu bukobwa nkabushira
n'ubwana nkabukira
nyakwicwa n'icumu.

Yemwe aho hepfo aha
ntacyo mbatsindira
kwa Nzeyingorore
na Nyirahabimana
nimumpe umuraza:
nta muntu turi kumwe

ni intumbi yegetse
ni inkingi yeganye
ni intango yubitse
ni umweya w'amakara
ni icyana cya nyina
ni icya nyirakuru
bagitereke ku ntebe
bacyuhagize inkari
bagisige mu bisage
bagihunde amasaro
gisubire mu nyana
ni intoba-biziba
nacuka azaba aza
nta cyo yari amaze
yo kicwa n'icumu
ry'iriva-ruganda
ritagira umuhunda
bakarimutera mu mpyiko
rikamutsinda ku mbuga.
Namweretse ikibero
yerekerera ikibero cy'inzu;
arasumba imiseho
nk'ushaka kuruka
ararungarunga
nk'uwa. iye rwungeri
aranuka mu nzara
nk'uwashituye inguha
aranuka inzobe inuze
nk'uwaraye mu nzarwe
aranuka inkarakara
nk'uwaraye mu makara
yacitse inkonokono
nk'uwaraye inkeneke
zo mu kwezi kwa Mata
muvuze yararozwe
ntibwaje mu nzoga
yaburose mu nzazi
aburenga mu nzira
ntacyitwa Mugoyi
wa Nzeyingorore
ni rwitura-mu-nzuzi
rwa mpa-akaryenge

-. MU MATABA I NYAMUGARI .-

Mu mataba i Nyamugari
umugabo yaragiye
ati yemwe bene urugo
nimuncanire indaro
bati tuyicaniye abandi
ati nkunda aho abandi baryanye
bati urarara he mugabo
ati ndarara ku buriri
bati ku buriri hari abana
ati ndabaryamira neza
bati urarara mu rugo iyo
ati si ndi inka mw'uru rugo
bati urarara mu mfuruka
ati sindi imfura mbi mw'uru rugo
bati urarara mu kirambi
ati sindi ingarama-kirambi
bati urarara mu mukubo
ati sindi musheru iwanyu
bati urarara mu rutara
ati sindi amashya iwanyu
rwema ndarara ku buriri
bati ku buriri hari abana
ati ndabaryamira neza
ati ndahengeka urubavu
umugore aramusubiza
ati ubwo uryama ku buriri
umenye ntunkomere inkanda
ntukome n'ikirago
ati iyo nkanda sinyikoma
n'ikirago singikoma.
Yageze ku buriri
amukora ku mukondo
umugore ntiyihinda
amukora ku bukobwa
umugore ntiyishanya
ashubwo ubutwenge arabuvuza
ati ni ko se yewe Mbaraga we
ko ugarukanye imbabazi
ko bihinda nk'urubura
bigasuma nk'amashashi cyane
ziri mo ari zingahe ?

undi ati ni imbumburi yayo
nayihawe na Mungu
nayiteye umukobwa
mu nsi y'umukondo
urukundo rurahama
komera wumve mivumbi

Umugore aramubwira
ati Muhimpundu ni uwawe
Nyirayabo ni uwawe
na Nkundumugenzi ni uwawe
na Rutanga rw'imfizi
ikibuze cyose ukijyane.

Umugabo aramubajije
ati mbe yewe mugore we
ko ugaba inka mu rugo umu
wagera ku bana ukarusha ho
umugabo wawe aba hehe ?
Ati ejo yaguye i Bugande
tugize imana yahera yo
tukibyarira abandi

- . BYENDA GUSETSA, URWEYIA NO GUTEBYA .-

- Babajije ikiremba bati kuki wanze kurongora ? kiti nanze kurongora ba nyoke bakiri ho.
- Semikizi yatonganye n'umugore, umugore azuambye mu magambo, byagabaye aho Semikizi ati ziba wa kagore we k'amabere y'impenyere ! Umugore ati urinda unyita impenyere ko wanzanye ngo unyende waranzanye ngo unyonke ?!? Semikizi ati zana icyo gisebe ngitsete undi ati nseseka naraswewe i Mutara na Mutende icyo amabya avuga nk'amasuka asenyagura urusenyi !!!!!!!!
- Semuhanuka yagambiliye gusambaye Nyirarunyonga abura aho yamuturuka, yanamutumaho undi akamusubiza amwiyama n'ibitutsi bitagira ingano. Bukeye Semuhanuka ahimba amayeri yo kumwoneshereza, azana inkanga ze, aziturira mu buru bwa Nyirarunyonga, maze we aragenda yigaramira mu buru rwagati abeyura uruhu arukubira ku nda, maze " rwamo " ireguka ireba ijuru ! ... Bagira Nyirarunyonga bati inkanga zakuyogore; umurima. Ni bwo amanyukanye n'abahungu be n'abuzukuru be n'abakazana, inkanga bazuhira ibibando bazikura mu murima. Nyirarunyonga rero sinzi uko yaje kurabukwa aho Semuhanuka yigaramira yifata ku kanyama aramwenzura ati Nyirarunyonga ko bambeshyera ngo nkunda imboro, ati n'icyi nitweye !!! Nawe rero abeyura inkanga ayisokaho yagapfe yagapfe, reka sinakubwira abuzukuru be babonye nyirakuru yashishikaye baza baje kureba icyo ahugiye ho, basanga yicaye hejuru ya Semuhanuka. Bagize bati reka tuzubwira icyo bya umushumba yakoneshereje, Nyirarunyonga ati nimundeke mwinigire, ati nimwigendere ndamwifasha bana banjye mwe. Barigendera. Ariko haza gusigara akuzukuru ke gatoya, kaza guhengez kati ese icyo byashongonoka ni ibiki nyogoku ? undi ati ni ibyuma by'abakiranyi.

Bukeye umwami Mazimpaka avuye mu muhigo imvura ishotse yugama kwa Nyirarunyonga. Nyirarunyonga akaba atetse isogi iza guhumurira umwami, ni bwo yatse Nyirarunyonga isogi ngo yihumurize undi arayimwima. Umwami arenzaho aritahira, ariko ataha aritahanye. Bukeye atumiza Nyirarunyonga amwira ku zuba ; undi aza kugira inyeta, yatse amazi bamwuhira isakare ! Ni bwo rero Nyirarunyonga agize ati yuuu, ati yemwe bakobwa, ati koko iminsi ntihwana; ati ejo niriwe ku mukimbagiro w'imboro none niriwe ku ngo y'umuruho !!!

amusesereze, amusarike, amubabaze, amurakaze ngo abone uko amugayisha mu bandi, maze amuhindure imashiro ry'ikinnyego. Ibyo bikaba byashatswe kandi byatekerejwe n'ubigirira undi.

Kugira ngo imvugo cyangwa ingiro bihinduke igitutsi, hazomba impurirane y'ibintu byinshi. Kugirango ijambo rihinduke igitutsi, biterwa n'urivuze, n'aho rivugiwe n'uwo aribwiye, n'icyo arimubwiriye, n'umunimbiko w'ijwi arimubwiranye, n'icyabanjirije iryo jambo n'ibindi ...

Nk'uko ijambo " igitutsi " rikubakubiye mu byinshi, ni nako buri wese ashobora kuryumva uko yishakiye, akaryitirira ikibangamiye icyubahiro cyo. Nk'uko rero icyubahiro cy'abantu kitareshya, ni yo mpamvu nk'icyo imfura y'inyangamugayo yita igitutsi, atari cyo gitoneka icyubahiro cy'umunyamusozi; hari n'aho uwo munyamusezi abona ikinyego, ariko imfura y'inyangamugayo ntigire igitutsi ihabona. Igitoneka icyubahiro cy'umuntu mukuru, si cyo gitoneka icyubahiro cy'umusore. Bityo rero, twakwemeza nta shiti ko uburemere bw'igitutsi buterwa n'ubwishishe bw'ututswe n'ubusuzugulike bw'utukanye. Ututswe n'uwo bareshya ntababara kimwe n'iyi atutswe n'uwo asumba. N'ubaribwa n'imbwa yaribwa n'intoza aho kuribwa n'umusega.

Igitutsi cyibanda ku ngiro, ku ngeso, no ku myifatire y'utukwa. Kunegurana ubusembwa cyangwa se guseka ubufite, ni ubunyamu-sozi bubi cyane; kwita umuntu gacumba, sekarema, kajisho, kanyonjo..... ubigiriye gusa kumunegura ubwo busembwa, biragayitse cyane kuko atari we uba yarabyihamagariye.

Cyakora ushobora kubimuhamagara, bishingiye ku rwenya rushyigikiwe n'umubano musanganywe, n'umurego w'ijwi ubivuganye. Ibyahabuzwa umugayo uvanze n'ubuhemu n'uburere buke, ni ukunegura, ni uguseka umusazi, ikigoryi, ikimara, ikiremba; ikiremba cyo ariko haba ho ubwo bagitaramana, by'urwenya rwo kuryoshya ikiganiro, ariko burya baba bagihemukira.

Utukwa, atukirwa iteka imyifatire n'imigirire yaba iye bwite, yaba se iy'abe (incyuro), kuko burya buli wese yubahwa cyangwa akagawa biherereye ku myifatire no ku migirire ye. Iyo umuntu yifashe neza, bishimirwa we n'abe, bikabahesha ishema n'icyubahiro mu bandi; yakwifata nabi yiyandaritse, akabigayirwa rwose kandi ntabwo no kuba asebeje abe.

Mu bitutsi bisesereza, ibyinshi bishingiye ku ncyuro. Umuntu acyurirwa imyifatire n'imigenzereze ye; ubishoboye arabimenyera, bikazahinduka urwenya, rubanda ikazibagirwa.

.../...

2- Nko gushembana. Bikorehwa n'abatwa n'abasabirizi, iyo basega ngo baronke icyo birira. Waba ubahaye bakagutâka, waba ntacye ubahaye bakagutuka mu magambo ukeka ko ari ibisingizo.

Urugero:- Gapfushye abanzi mpfushye abanyima abagome bazaba bagabanu-tse mu Rwanda;

- Kabure ibyago mporane ibyara ujye uhora wororera rubanda.

- Iyo hapfa n'undi

3- Nko gukoresha imvugo y'impisha-mutego.

Urugero:- Baz: Uwaguhitishamo inanga n'inagura watora iki ugata iki ?

Subiz: Natora inanga, ngata inagura (ngatinagura = gutinagura)

Baz: Uwaguhitishamo ikigori n'ikima, watora iki ugata iki ?

Subiz: Natora ikigori ngata ikima (ngatikima=gutikima)

Baz : Nyoko n'umugore wawe, imyenda yabashiriyeho, ukagura ingutiya wayibanza nde ?

Subiz: Nayibanza mama !

Baz : Bara kuva kuri rimwe ugeze ku icumi wongere ho " ta mama "

Subiz: rimwe ta mama, kabiri ta mama, gatatu ta mama, kane ta mama, gatanu ta mama, gatandatu ta mama, kalindwi ta mama, ununani ta mama, icyenda ta mama, icumi ta mama (icumita mama)

Baz : Vuga amoko yose uzi wongera ho " n " "

Subiz: Umunyarwanda no, Umurundi no, Umugande no, Umunyekongo no, Umuhavu no, Umushi no (umushino)

Ayo magambo y'impisha-mutego akorehwa mu kibazo kigomba igisubizo none ho ugasanga umutego-nyagitutsi ubanze mu gisubizo.

Iyo mvugo ishobora no gukoreshwa mu magambo y'inyinga-muvugo.

Urugero:- Ndagatuma umutumba utumbira mu rutoki.

- Ukwezi kwaguye i Save imbwa zirakurya zirakumara.

- Umununi wimya inuma.

- Umusambi usambanya imbwa .

- Hepfo aha hanyuze umugabo wikoreye umunyu hanyuma yitura hasi aragwa umunyu urameneka: ayora uyoka, ayora uyoka, ayora uyoka, asimbuka umukoni umukora mu nnyo, asimbuka

.../...

Urugero: - Gatumbe uturike; gasye ibiheri; kamenye inshuti; gahenere umugina; gakubitwe n'inkuba; kavomeshe ihembe; kavome ibirohwa; gacike amaguru wiwuke; gacike amaguru ugendeshe amavi; kanyagwe utarakama; kayoboze i Ngamba utahagira umumenyi; gahingishe igiti; gasekere abâhizi; kasamire ubusa; gatwarwe intambike; karire amaraso; kanywe nzobya; gasinde amarike; gasare bikurye; gashinyike zishikura; gasabe uwo wimye; gasabe igikona igikororwa; gasabe nyamunsi umuramuko; gasabe inkongoro inkongoro; gasabe sakabaka isakamburiro; kabarize izuba mu kirago; kabaze inkomanizo ko bwakeye; karore ibâyi ibirori bije; kagarike imbavu nk'imbehe; gahabwe ivu nk'iteke; gatukuze ubura nka rusake; gatukuze indoro nk'indubaruba z'umuko; gapfe mu cyi baguhambe mu cyibo; gapfe muli Kamena bakumeneshe inzu; gashirire amanyo mu kanwa; gacire ibikoba inkonda zigwe; gacikire hagati nk'umubyi-ndi; gacike imboro umugeni ageze mu irembo; gaterwe amabyi amacumu aterwa abagabo; gakamire hasi nk'ikiziba; kere mu nda nk'umuseke; gakuze uruharo nk'uruhira; kabyare uhamba ndi ruhaya...

6.- Nko gutukana kw'abana. Birangwa n'urutondekanye rw'amagabo afite umurya unogeye ugutwi, bigakorwa ari nk'umukino w'utuguyiguyi wifitemo ubufindo bw'impicha-mutego. Akamaro kabyo, ni uko bitoza abana kuvuga neza, guhimba, no gufata mu mutwe.

7.- Nko gutukana kw'abashumba. Bishamikiye ho no gukoronga, bikaba mu amagambo ashishuye, bayumva akagushisha; ayo magambo aba yendeye mu myanya ndanga-gitsina kandi atukana kuri NYINA w'umuntu.

III. GUTUKANA KW'ABANA.

Gutukana kw'abana bishingiye ku muko wa kinyarwanda wo kurera bacyaha. Mu kinyarwanda, umwana arerwa na bese kuko ngo aba ari uwa bese; birumvikana na none ko abo bese bamurera atari ko baba babifitemo uruhare rungana: uruhare rwa mbere ni urw'ababyeyi, urwa kabiri ni urw'urungano. Ubujijukirwe bwinshi, umwana abavana mu bo biriranwa ari bo babyeyi be (iyo umwana akiri muto cyane) na bagenzi be (iyo atangiyeye gutabaguzaga agasanga abandi biriranwa).

se akigunga ntafatanye n'abandi gutondagura za " usuze ".

Iyo umwana avunnye ikintu bamucyaha bagira bati:
" Kavune uruti n'urutini / n'urutaro n'urutarataza/ n'amabuye
atatu/ n'umuserebanya wa gatandatu".

Gutukana kw'abana gushingiye na none ku muco wo kurera
bakangishanya.

Urugero: - Iyo abana bahuriye ku gati keraho ubusogo bakagasangaho
ubusogo buhishije, basigenira kubusoroma bakangishanya ko uburiye
aba agwiririwe n'ubuhene. icyo gihe, iyo ari abana b'igitsina kimwe,
barabusoroma, bakirira; na ho iyo badahuje ibitsina, bamwe bagira
bati:

" Ubusogo ubusogo ubusogora-mabya, umuhungu uburiye
aswera nyina " (abo ni abakobwa); " Ubusogo ubusogo ubusogora-
mabya, umukobwa uburiye aswerwa na se " (abo ni abahungu). Bityo
ubusogo bukabura gisoromwa, kuko buri wese mu bana bari aho aba
atinya kugusha ishyano ryo guterana ubuhene n'umubyeyi we.
Bene iri tera-bwoba twarigereranya na rya rindi ribuza abana gucana
akatsi kitwa " agateranyangabo " ngo iyo bagatwitse iwabo
bararwana; ribabuza kwica urutambara, ngo ba nyina barubyara;
ribabuza kwarurira nyamabumba, ngo ba nyina bakuramo inda; ribabuza
gushotora uruyongoyongo ngo rwabanobora mo amaso

- Iyo abana bahuye n'uruvu, bihutira kuruvuma kuko ngo
rubatanze rwabacira bakabemba; baruvuma bagira bati : " Ngutanze
gucira, nujya gucira uzacire inkaba y'amaraso ". Iyi mvugo, abana
bayikomora ku mvugo y'abantu bakuru bitabaza iyo batanga
umuteramwaku. Iyo umuntu ahuye n'umuteramwaku mu museso, akamubona
akiri kure kandi aruzi ko nta handi ari bumuhungire, ko bari
buhire byanze bikunze kandi ko bali busuhuzanye, yihutira kumira
uducandwe agira ati: " Nagutanze, nagutobeye igitazi, naguteje
urugimbu, rw'inturo y'intumbyi, nkubagira ingumba y'ikinyabwoya,
n'indi ya nyirahuku; nagutanze amaronko, nujya kumira umire
intoshu ishyushye, (agacira) ati ngutanze gucira, nujya .
gucira ucire inkaba y'amaraso

- Iyo umwana yitsamuye akuri iruhande uramubwira uti:
" Gusku " cyangwa " Tumwa " iyo ari umwana utaramenya kuvuga.
Iyo abizi ugira uti " Kira akabi " cyangwa uti " Kira ukirye "
(kiba ari ikinyira); iyo ikaba ari impina-mvugo y'umutongerero
zuremure ubwirwa uwitsamuye cyane kandi kenshi, agumya kubuza
abandi epfo na ruguru.

.../...

Gutukana kw'abeka haba ubwo usangamo ubugome, bwibaciye umuntu runaka washyizwe mu najwi agaterwa mu mbyino,

a) byendeye ku busambo bw'inda:

Urugero: "Nta mugore urya inkware / keretse NYIRAKIROMBA / yicaye mu kirambi / yikura uruzonyo / rukazana n'urugumbu / agira ngo ni amasimbi ".

" Inkware iraryoha NKERABIGWI / iryoha umunono Nkerabigwi/ iryoha umufutu Nkerabigwi/ yagera mu butunyo Nkerabigwi/ ikongeza umunyu Nkerabigwi"

b) byendeye ku ngeso y'ubusambanyi.

Urugero:- " Cana mo NYIRANGOBOKA cana mo/ cana mo batakotsa mu rujuma/ mu rujuma rwabyaye Ntibanyurwa/ Ntibanyurwa yaravunitse avuna intini/ avuna intini yo gutinika nyirabukwe/ Sebukwe aravireba arayivuma/ nyirabukwe arayitora arayisoma/ ati humura mukwe wanjye turi kunwe/ mu munyinya w'amahembe hejuru/ nzagaha ihene yanjye y'umusheru..... ".

- " Imboro ya HITIMANA/ irara icukura amazi/ rugongo ikabuye amaso/ ikabuza nyina kuryama ".

Haba ho ubwo iyo ngeso y'ubusambo yitirirwa umusozi muzima.

Urugero: " Abanyenyanza ni abahemu/ batuririye agahere/ bagatsinda mu ruhavu/ bagakubita iryinyo rimwe/ ibyo mu nda bita kubu/ nti urahabuke wigira yo/ utamenera agacuma" "

Haba ho ubwo iyo mvugo y'abana itukana ibata ibyiza by'iwabo bibuze ahandi (agahigo).

Urugero: "Abakobwa b'iwacu/ barakuna rikaranga/ byageza mu gutaha/ bagakuna amasuka n'amasekurume ". Ubwo ni ukuvuga ko ab'iwanyu ari atapfu, kuko badashishikarira uwo murimo !

Haba ho na none ubwo iyo mvugo y'abana yigana imvugo ya gishumba igusha ku myanya y'igitsina.

- Gasuhe ndi so .

- Kazibe akanyaro ndi kanyarwanda.

.. Umupipi umupayiti/ umutigisa misundi/ wo kwa buracyeye/ nasanze umukobwa/acuranga rugongo/ nti garama nguswere/ hacike ubukumba/ dukinge ibijumba/ bizanye abazungu/ n'abambarangwagwe "

" Ye bakobwa b'i Nyansenge/ ntimugakangwe n'imboro ndende/ mujye mukanga na nyabuniga/ ikubita amazi ikazibukira/ ni yo muho wo kubanyaza."

.../...

Umwe ngo:

- 1)- Yewe shahu we, ndagutuka ngutokoze ndagutuka utatabe uje gutora ubututu bwo gutera mu gatuba ka nyoko.

Undi ngo:

- 2)- Yewe shahu we, umpangare nguhangare nkomeretse nyoko muri bagunama yakunyaye.

Undi ngo.

- 3)- Yewe shahu we, ngutuke nitangiriye itama nyoko aragata intanga ya mbere.

Undi ngo:

- 4)- Yewe shahu we, umuswezi wa nyoko ni nyokorome.
- 5)- Uragaseka bayiscka nyoko.
- 6)- Ntukabure icyo urisha umutsima nyoko yicariye inyama.
- 7)- Gakubitane agatugu n'agatuba ka nyoko.
- 8)- Gacumite nyoko umucuritse numucurura umuce rugongo.
- 9)- Nyoko aragasura so yase inkingi imbaragasa zimutonda ku nkaka.
- 10)- Nyoko aragakubita akabura imbere y'intere.
- 11)- Nyoko arakagurana impare impamba.
- 12)- Nyoko arakagurana impare impengeri.
- 13)- Nyoko arakagurana injuma injumbure.
- 14)- Nyoko arakagurana imboro imbogeri.
- 15)- Nyoko arakagurana umushino umushigore.
- 16)- Nyoko arakagurana igituba igitoke.
- 17)- Nyoko arakagurana umusururu umusundi.
- 18)- Nyoko aragatera inoge aho se yateye imboro.
- 19)- Nyoko aragakuna umwe ukwire u Rwanda.
- 20)- Nyoko aragapfuna aguhereza nakuna umukururire.
- 21)- Nyoko arakabyara inzingo abarize izuba imbere y'iziko.
- 22)- Nyoko aragashimisha imishino imishishi.
- 23)- Nyoko arakihara inkuru mu nkaka z'agashino.
- 24)- Nyoko aragasimbuka umuseke umusambi umusumire agashino.
- 25)- Nyoko arakagusasira umusambi umunyunyuze imisundi.
- 26)- Nyoko arakiwira n'inkarasundi ya nyogosenge itagira utuzi na tunzinya.
- 27)- Nyoko arakicirira igishyitsi rugongo ite igishishwa.
- 28)- Nyoko aragatagataga atambane n'agasiga abanje guta rugongo.

.../...

- 53)- Nyoko ni ngungu nyina wa ngurube agira imisundi izi
kwerera bakayizirika ku mizibaziba bayizitura ikamara abantu.
- 54)- Nyoko ni nyirarubangabanga rwa aguye-i-mwonga namubanguriye
akiri umucuko n'ubu aracyacumba umwotsi mu gashino.
- 55)- Nyoko ni nyirakigumbagumba cya ngumba y'ibwami kibona
imboro kikasama cyayibura kikiheba: ongera untuke mushino
wa nyoko.
- 56)- Nyoko ni rwoza mbehe rwa mbogeri nta kabi kamurenga arengu-
rwe n'umusonga mu nsina y'umusundi hejuru ya rugonga.
- 57)- Iyarinze niyo yima: nyoko arakimira ku mezi nk'intama.
- 58)- Nyoko arakimira ku rubariro abyarire ku rumambo.
- 59)- Nyoko naramusweye arusha rusizi kuvubura.
- 60)- Ko nyoko yambwiye ko atarya ingurube yunama nkaona ibinono.
- 61)- Nta ko ubukene budatera n'ingobyi y'umwana iraguma:
nyoko arakaguheka mu muguta w'imboro ya so.
- 62)- Nta gati katamera amashami: nyoko arakamera agashinge mu
gashino.
- 63)- Nyoko naramuhoranye naramutunze, naramuteruye ndayimutera
asuka imitezi.
- 64)- Nyoko arapfapfana arapfayongwa araca imivovo n'imiravumba
arakora hirya agakora hino yahana inturo zikamunyaza.
- 65)- Kuri diridiri kuri dirimba kuri cuga bacumite nyoko araneye.
- 66)- Pata agaheto mfate akandi tujye kurasa imisure yayogoje
imisundi ya nyoko.
- 67)- Hakurya zirakuka hakuna zirashoka ziri mo rutare
rw'abatanazi : nyoko aragatanaga umushino mu murya w'inanga.
- 68)- Cyakurukuru cyakurumba nyoko aragakurunga umushino mu ivu.
- 69)- Ku muturuturu ku mutukuza-nyoni imisure yamaze imishino ya
nyoko.
- 70)- Ku mushikishiki ku mushikura-akoni wa rusabaganya imishino
ya nyoko irava imiregesho.
- 71)- Cyakurukuru cyakurumba icyana cy'inuma cyacumise nyoko akiri
umucuko n'ubu aracyacumba umwotsi mu gashino.
- 72)- Ku munyegenyeye ku munyegerezo ku mudakubitwa kwa Rugaju
irashya irashyukwa nkayisokasoka nkayisongora nkayisiga
ivu nkayisoka nyoko muri bagunama yakunyaye.
- 73)- Ay'ikijugujugu ay'ikijangati Jarubeti na Mageregere
nkayifata nkayisongora nkayisiga ivu nkayirenza so nkayisoka
mu binugunugu bya rugongo rwa nyoko.
- 74)- Namanutse kuri Rukirage nikoreye ibikenyeri nsanga ibikeri
biganga mu gashino ka nyoko.
- 75)- Navuye i Murera ndi umugabo ntaha i Busozo kwa Ndagano nsanga
nyoko aratambikiye mukubita imboro arabandagara mwongeye
indi aratembagara, mwongeye indi arakumbagara nti byuka
uyirye uba uswewe na so muri ubwo busa bunuka agasu.

2)- Yewe Mukagatare
yewe wo kwa Gatana
yewe yabyaye intare
yewe abyara n'ingwe
yewe bamukubise umushyukwe
umusundi uracika
nti ihorere mukobwa
hazamera uwundi.

Abakobwa bo ku Gasharu
Agasharu Nyirashabari
Urajya he wa kagabo we
Ndajya kunyaga Rugondo
Rugondo rwa rugongo
Ngaho rahira numve
Mba ndoga rushika-shika
rushika imishino ya nyoko !

3)- Yewe Mukasezike
ya mboro ya so wanyu
uzayiragire neza
umunsi wo kuyibaga
nzaguha amabya yayo.

6)- Mwana wo kwa Gatorano
mpanagarira Gatorano
ku iriba ryo kwa Murengezi
uti nsanze aho nyoko akura
insha
nti mpa agasya nirebere
ati ureba iki wa mwana we
nti ndeba rukuma-impere iya
rwa nkundira nkunyaza
uhyaza unyaza hehe
nkunyaza muri badunda
badunda ba rugongo
rugongo igomera amazi
amazi y'urusubiranya
subiranya wa kagore we
ndanze wa kagabo we
niwanga ndagukomeretsa
unkomeretsa umpawe na nde
nguhawe n'akago kanjye
kabengerana ibikâri
gataha inyambo nyinshi
uzaziragira hehe
ku mushino wa rugongo
rugongo ivubura amazi
amazi y'akazuyazi
umusundi uti ndaje
mboro iti ngwine nawe
ni cyo mpora nteze amaso
nunesha nkaganzwa
nzakuvugira imyato
nkuririmbe urukamba
ndi imboro ndi bugondo
inzenage inzana bibondo
insandaza-maganga
ndi rukura misundi
ni jye cyumya rugongo.

4)- Nyirabashongore
ba Rwenga-iminyagara
yagiye kubatizwa
mu bashumba b'i Rubona
bamutera imbaribari
mu mbariro z'amatake
bamutera imboro eshatu
iya gatandatu irahama
iya kalindwi irahagama
bayikuza ikirumiko
cyarumitse nyirakuru
mu gituntu cyabose
maze inyombya irababona
iti nimumpe ngerageze
ejo ntazajya kubarega
kwa Ntacyo-nayigize.

5)- Ibaraga ibaraga ibaraga
Ibaraga ntuye intosho
Ibaraga mu gasigati
Ibaraga ruvuzza-impere
Rwa nkundira-nkunyaza
Nta musere utanyaza
Keretse Munyakayanza
Unyaza imishino yumye
Yumanye n'amanyare
Amanyare agira abakobwa

Indi mpamvu yakongerwa kuri izo ebyiri z'ingenzi ni iyo kurengera uwawe. Igihe cyose umwana arengera nyina: amurengeza amarira, akiri akana gato, yamara kugira akamurenge ururimi. Iyo ababyeyi batonganya, usanga abana batahariza nyina barira, banwigira, bakumita se udupfundi, bamurya amenyo, kuko ukuri kose, baba babona ko nyina aranganyirizwa y'uko afite ingufu akeya. N'aho umubyeyi w'umugore yaha ari we washotoya umugabo, nta hwo abana bashobora kwihanganira ko se, w'umunyambaraga zihembje zirengera urugó rwose, yagaragariza ibitaraga bya byose kuri nyina. Ni yo mpamvu rero, mu gihe cyose ababyeyi baba bariho bashyogoranye, abana badatirimuka aho, haragumya bakamurva ariko barekeraje ko se abangura ukuboko agakora nyina. Byaba bitaye rero, abana bagatangira kurengera nyina bakamutabariza, bakamurengeza amarira ageretse ho n'utubaraga twabo twa nta two. Iyo umwana amaze gukura rero, arengeza nyina ururimi yandagaza nyina w'umuntu umutukiye uwe, aka wa musizi wabwiraga umwami atis " Nzakurwaniza amahoko nkurengeze ururimi ".

Indi mpamvu yagerekwa kuri izo ni iyo gupfobya ibyo ubujijwe cyangwa se ibyo udashoboye kwigondera kugira ngo ushobore kwihanganira kutarigara ho.

Twahonye ko igihe cyose umwana akiri muto adahazwa baba mu rwiuhagiriro, baba mu buryamo, ntibamwita ho, bakaka ko asinziriye na ho ubwo, ibikorwa byose arareha, ibivugwa byose arumya. Ni ukuvuga rero ko mu migimbukire ye, umwana aba azi nyina bitagiye ndetse na bashiki be, nk'uko na ho baba bazi basaza babo. Umwana w'umuhungu rero, igitsina gore akimenyera kuri nyina cyangwa kuri bashiki be, ari imiterere yacyo (ntahezwa mu rwiuhagiriro, aherekera bashiki be bagiyeye kunyara) ari mu mikoresherezwe yacyo (ntahezwa mu buryamo). Aho ngabo yashiriye ho amatsiko bamuhira umuziro, agatangira agapfobya ibyo byiza abazi ho kandi adashobora kuruma ho, adashobora kwimarisha ipfa. Ni hwo rero atangira akanyandagaza, akahisebya agasa mheze nka wa muhari wananiwe kwigondera imizabibu ihishije cyane, maze ukivugisha ngo aho n'ubusanzwe ntiyari inetse ku buryo wushimishije !!!!

Ibitutsi by'abashumba bigusha ku myanya ndanga-gitsina no ku myanya ivuhura imyavu.

Imyanya ndanga gitsina igirwa imashiro kurusha iyindi ni igaragara iyo umugore cyangwa umukorwa babumhatuye ibihoro: iyo myanya ni imishino na rugongo.

Ku bitutsi mirongo irindwi n'umunani (78) nshonye gutanga ho urugero, mirongo ine (40) muri icyo byifiteho rimwe muri ayo magambo uko ari ahiri, yavugwa yeruwe cyangwa ari agenekerejwe mu nshushanya-mvugo : rugongo (injuma, rubanza-kwicara, baguname, ikijumba cy'ingondore) ivugwa mu inshuro cumi n'indwi (17) na yo imishino (imisundi, inyama, icyo akuranga yota, ingabo ikingira amagara, ibinono) ivugwa mu inshuro makumyabiri n'eshatu (23)..... !

Iyo myanya, utukana ayifuriza gukoreshwa ku buryo budasanzwe, igakoreshwa n'udakwiye kandi utarigenewe, igakoreshwa ibidakwiranye n'icyo yagenewe, igakorerwa ho ibitaba ho, ndetse byanarimba ikaburwa, igaciwira, igakatwa !

Iyo myanya, utukana ayifuriza gukoronirwa ho n'amagorwa yose iyo aya akagera, byarimba akayigabiza inyamaswa z'amoko yose:

- Udusimba : imbaragasa.
- inyoni n'ibisiga : umusambi, sakabaka, imisungu, inama.
- inyamaswa zororwa : inyana, intama, ingurube, ibwira, rusake.
- inyamaswa z'agasozi : intare, inturo, agashyamba, ifuku, icyagu ibikeri.
- " inyamaswa " zitazwi neza : inkuba.

Ibyo byose bikibasira iyo myanya ndanga gitsina, maze zikayigira isibaniro !

- / s h / : - Nyoko arakagurana umushino umushogore.
- Nyoko aragashimisha imishino imishishi.
-..... imishino ishoke isoko rya bizige. --
- aragacibwa agashino n'agashibutse imheba zikarye
- Ku mushikishiki ku mushikurankoni imishino nyoko irava imiregesho.
- mba ndoga rushikashika rushika imishino ya nyoko.
- / t / : - Ndagutuka ngutokoze ngutuke utatahe ujye gutora uwututu bwo gutera mu gatuha ka nyoko.
- Ngutuke nitangiriye itama nyoko aragata intanga ya mbere.
- Gakubitane agatugu n'agatuha ka nyoko.
- Nyoko arakagurana igituha igitoke.
- Nyoko aragatagataga atambane n'agasiga abanje guta rugonge.
- Nyoko aragacibwa urutezo urutaha rumatane n'innye.
- naramutunze naramuteruye ndayimutera asuka imitezi.
- ziri mo rutare rw'abatanazi nyoko araga gataga.
- Ku muturuturu ku mutukuza-nyoni.....
- / k / : - Namanutse kuri Rukirage nikoreye ihikeri nsanga ihikeri
- Cyakurukuru cya kurumba nyoko aragakurunga
- Hari ho ibitutsi usanga wigwiriye mu inigemo ishamikiye ku bihekane by'inyamunwa cyangwa by'inyaruse cyangwa by'inyankanka.
- / mb / : - Ay'imbumbe ay'imbumburi aya rukara rwa mbonyi iya nyoko ambonye n'imhoro yanjye agira ati mbaaa.
- Nyoko arakagurana imhoro imbogeri.
- imharimbhari mu mharire z'amatako.....
- Nyoko ni nyirakigumbagumba cya ngumba y'ihwami.
- / mp / : - Nyoko arakagurana impare impamba.
" " impare impengeri.
- / nj / : - Nyoko arakagurana injuma injumure.
- Nasanze nyoko asekura injujumusatura injur

.../...

- Nyoko arakicwa n'inkarasundi :	:	12
ya nyogosenge :	:	6
itagira utuzi na tunzinya :	:	12
- Ku munyegenyeye :	:	6
ku munyegerezo :	:	6
ku mudakubitwa :	:	6
kwa Rugaju :	:	6
irashya irashyukwa :	:	6
nkayisokasoka :	:	6
nkayisongora :	:	6
nkayisiga ivu :	:	6
nkayisoka nyoko :	:	6
muri baganane :	:	6
yakunyaye :	:	5
- Ku mushikishiki :	:	6
ku mushikurankoni :	:	7
wa rusabaganya :	:	6
imishano ya nyoko :	:	6
irava imiregesho :	:	6

Iyo mvugo ya gishumba yagiye izimangatana; ni mu gihe kandi. Nta bashumba ba rwana bakiri ho, nta bakirirwa inyuma y'amashyo y'inka z'indatamahemba, n'uyoroye ayororera mu kiraro akayihingira ubwatsi akayahirira.

Twadutswe mu kandi n'indonke z'ingeri nyinshi, umuntu aragutuka aho kumusubiza ukaboneza iya parike ukamurega, mukazuru-ugutana mu nkiko ugashirwa umukuye ho akantu gashingiye ku ndishyi z'akababaro.

Gutukana kwa gishumba byahoze ho bisigaye byarasimbuwe no
KUNNYEGA.

- | | |
|---|--|
| - Mubyeyi udahemuka
Umenye abawe bose
Ntutuza kubafasha
Nta we wanga gukiza
Mubyeyi Mwiza - | Mubyeyi uzi guteka
Nta munyu mu muceri
Nta supu mu bijumba
Ni inzira ijya mu isoko
Kunda hoteri - |
| - Kuzajya mu ijuru bitumara
agahinda iyo amakuba yaje
twiringira Mungu - | Kugenda mu ijana bitumara agahinda
iyo amakuba yaje twiringira feri - |
| - Mariya nyina wa Yezu
Wabaye n'umubyeyi wacu
Utabara abana bawe bose
Bagukunde bagukorere - | Mariya (1)
Mushiki wa (2)
Umusore wari wamusabye
yihereye i Bujumbura - |
| - Yesu ni Umukiza ndamwiringiye
Yesu ni Umukiza ndamwiringiye
ndi igiti cyatewe ku mugezi
ndi amahoro pe ! | Iyo ngize ibyago nywa icupa rimwe
Nagira amahirwe nkanywa ikaziye
Ndi igiti cyatewe mu kabari
ndi umusinzi pe ! |

Muri iyi myaka ishize, habarawe uburyo bwo guhimba amasengesho asekeje, kuko asa nk'afite injyana nk'iy'amasengesho matagatifu asanzwe azwi, ariko ugasanga inganzo z'ayo masengesho zinyuranye: inganzo imwe ishingiye ku isi, indi irangamiye ijuru.

Isengesho ry'inkumi yagumiwe ryigana irya Bikira Nyirimpuhwe.

- Bikira Mariya Nyirimpuhwe
wibuke ko nta wigeze kumva
ko wasubije inyuma uwaguhungiyeho
agutakambira ngo umurengere ngo umusabire
ni cyo gituma nkwiwizera
ndakugana nkuganyira
umpagarare ho ndi umunyabyaha
Mubyeyi w'Umukiza
ntiwirengagize ibyo nkubwiye
ahubwo ubyumve ubyite ho. Amina.
- Bikira Mariya Nyirimpuhwe
Wibuke ko nta nkumi n'imwe wigeze kumva
Ivuga ko wasubije inyuma

.../...

Annexe II.

) Icyivugo cya rugongo:

Rugongo ni indinzi y'ibyuma ya rwemera-azigo ikaba rusimbi rw'intabonwa.

) Amazina y'ibituba:

Ibituba byitwa hakulikijwe uburebure bw'urwasa, ubugufi bw'urutezi (urutezo) cyangwa iforoma yabyo.

a) Indeshye bw'urwasa:

- Urumina, Urukamba, Ingaramizi: ni ibituba bifite urwasa rurerure n'imisumbi miremire, n'imigoma binuze.

- Rwara rw'isha : ni igituba gifite urwasa ruringaniye n'imisumbi icishiriye ariko kikagira imigoma ihushye.

- Ururasago: ni igituba gifite urwasa rugufi cyane.

b) Iforoma:

- Umubundankari (Mucobogo), Umugina, Urweso (umunoga) Icwende, Umucuri: ni ibituba binini, binuze, ariko kikagira urwasa rureba hasi.

c) Indeshyo y'urutezo (urutezi).

Urutezo (cyangwa urutezi) ni intera iri hagati y'igituba n'innye.

- Ntota-izuba, umushoka-nyo, Indasa-bahanga n'Ubuheza-nkwano: ni ibituba byegeranye cyane n'innye, bitewe n'ubugufi bw'urutezo.

d) Amazina y'imishino (imisundi, imizira-zuba).

Ku busanzwe, imishino igira ingero, ibyo abakunnyi barabizi, bayigera ku ngingo ya kabiri y'urutoki rwa marere. Urengere urwo rugero, bavuga ko yakunye IBIZIRIKO cyangwa IMIJARA-MABYI. Utagejeje kuri urwo rugero, bavuga ko yakunye KARABI-K'UMUYENZI. Imishino yujuje ibya ngombwa biyana n'indeshyo, ishyingirwa mu mpushya ebyiri bitewe n'uko yitabira umushyukwe: hari iyitwa IMIRISHWA-KUMWE, n'indi yitwa CYINYAZA.

n'inshuti natoye mfatiye ku nda
umugore arakubera ugaterera ku nda
i Tera-mpungu rya Biturire
n'abaguteye akaborosa
bwacya mu gitondo
wegura isuka ujya guhinga ati nahinduwe.

Bakamugereranya n'inda rudoma
ya nyirarudori na ruduri
burya nta mwemeza wa rubondo iyi
urayiha ukayihata
ukayihingira ukayihahira
ukibwira ko wayihagiye
bwacya mu gitondo
wayibaza amacumu avuna imfizi
iti ongera uguze.

- RUGONGO : (badunama, bashyame, agashyimbo, agatorezo, rutorishaka, rutunva-incyuro, bavukanwa, ruguga, ruhende) : clitoris.
- RUGONDORA : en parlant du bélier, avoir les cornes recourbées; en parlant de certaines semences, germer.
- INGONI : bruit sec produit dans la bouche pour marquer le dédain; on fait claquer la langue contre le palais.
- GUCUNA : faire ce bruit.
- UMUGUHA : très long pénis (rugozi, rwogamabondo).
- UMUGUTA : peau brute séchée, de vache adulte.
- GUHARA : racler une peau.
- IMPARABANYI : personne batailleuse ; femme débauchée, coureuse.
- IMPARE : verge naturellement dénué de prépuce.
- GUHENA : se pencher en avant en relevant le derrière, signe de mépris, geste indécent des magiciens.
- IMPENEBERE : femme ou fille adulte n'ayant pas de seins développés.
- GUHENENGERA : pénétrer dans quelque chose et y disparaître.
- IMPENGERI : grains de sorgho bouillis.
- URUHINDU : lancette, broche ou alène servant à tresser, en vannerie. Elle sert aussi à ôter les chiques et à cautériser.
- KWICUMBA : marcher appuyé sur quelque chose.
- KWIKUBA : se rétrécir; se tenir tristement à l'écart.
- KWIMA : être saillie (femelle).
- INJUMA : très petit clitoris.
- YURURO : grain d'éleusine.
- INKAKA : phallus d'animal.
- URUKAMBA : vulve suffisamment grande et bien constitué.
- INKANKA : arrière - bouche.
- INKARASUNDI : mauvaise odeur que dégage la vulve d'une femme après les rapports sexuels.
- GUKINGIRA : cacher la vue en s'interposant.
- UEKOBORA : maladie des vaches qui leur fait perdre les poils.
- UEKOBORAMABYA : cadeau qu'un adultère surpris offre à celui qui l'a attrapé pour l'obliger au silence.
- GUKUBA :
- GUKUBA AMASHEREKA : ne pas donner du lait en parlant d'une femme ou d'une femelle en état de lactation.
- GUKUKA : quitter l'aire de stationnement près des abreuvoirs pour aller paître.

.../...